**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

Rwamagana, kuwa 13 MAR 2020
N°......508..../07.05.01

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 04/03/2020**

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira mbamenyesha ko imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 04/03/2020 yangezeho kuwa 09/03/2020.

Ndabashimira imyanzuro mwafashe harimo no kwemeza ingengo y'Imari ivuguruye y'umwaka wa 2019/2020 n'amasoko ateganijwe, nkaba nsaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa, mugakurikirana by'umwihariko ibikorwa byateganyirijwe ibyo byemezo.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw,
Website: www.easternprovince.gov.rw

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ngoma, kuwa 06/ 03 /2020**
**No Ref.NJY/112 /07.05.06**

NGOMA [illegible]
CENTRAL SECRETARIAT
RECEIVED ON: 09/03/2020
REFERENCE:
SIGNATURE:

RECEPTION
MINALOC
Date: 10/03/20

Eastern Province
For reception
Date 09 MAR 2020
Signature

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: njyanamangoma@ngoma.gov.rw**

Bwana Guverneri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**Impamvu:** Kohereza imyanzuro y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Ngoma yo ku italiki ya 04 Werurwe 2020.

Bwana Guverneri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbohereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Ngoma yateranye ku italiki ya 04 Werurwe 2020.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

for

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

INAMA NJYANAMA AKARERE KA NGOMA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**BIMENYESHEJWE**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

---

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 04/03/2020.**

Kuwa gatatu itariki ya 04 Werurwe 2020, sa tatu za mu gitondo , mu cyumba cy' inama cy' Akarere ka Ngoma , hateraniye Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma , iyobowe na Visi Perezida wayo Bwana KANOBANA Mathusalem . Mbere yo gutangiza inama , umuyobozi wayo yabanje kugenzura ubwitabire bw'abajyanama, atangiza inama ku bwitabire bw' Abajyanama 23 kuri 29 bayigize.

Abajyanama bagize impamvu zitandukanye bakazisabira impushya ni aba bakurikira :

1.KIRENGA Providence
2.BANAMWANA Bernard
3.MAPAMBANO NYIRIDANDI Cyriaque
4.MUSONERA Ephrem
5.KAYITESI Faulatha
6.HABAKURAMA Oreste

Inama yitabiriwe n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ; Abayobozi b'Amashami mu karere ; Abafatanyabikorwa bo muri JADF na PSF ; Abayobozi b'inzego z'Umutekano; Abayobozi b'ibigo bya Leta n' ibyigenga bikorera mu Karere ka Ngoma.

Mu ijambo rye , Vice Perezida w'Inama Njyanama yahaye ikaze abitabiriye inama , abifuriza gukurikirana inama neza no gutanga ibitekerezo byubaka Akarere ; aboneraho no kubagezaho ingingo zigiye kwigwaho.

**Ku murongo w'ibyigwa hateganyijwe ingingo zikurikira:**

1. Kugaragaza ishyirwa mu bikorwa ry' Ingengo y' Imari y'umwaka wa 2019-2020

2. Gusesengura no kwemeza Ingengo y' Imari ivuguruye y' umwaka w' Ingengo y' Imari 2019-2020

3. Gusesengura no kwemeza Ibipimo bishya by' Imisoro n' Amahoro n'ibihano bizagenderwaho mu gice cya kabiri cy'umwaka 2019-2020.
4. Gusesengura no kwemeza Inyandiko ivuguruye y' itangwa ry'Amasoko (Procurement plan) iteganyijwe mu gice cya kabiri cy'umwaka w' Ingengo y'Imari 2019-2020
5. Kwemeza ahazatangwa ubutaka bwa leta buzubakirwamo abatishoboye badafite ubutaka mu Mirenge ya Mugesera na Sake n' ahazubakwa ishuri ry' incuke mu Murenge wa Zaza

6. Gufatira umwanzuro ibibazo by'abaturage bandikiye inama Njyanama byasuzumiwe mu nama y'Abaperezida .

Nyuma yo kwemeza ibiri ku murongo w' ibyigwa, abari mu nama basuzumye ingingo ku yindi bafata imyanzuro ikurikira:

**INGINGO YA MBERE : KUGARAGAZA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2019-2020**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngoma ari nawe Mugenga w' Ingengo y' Imari, yagaragarije abitabiriye inama uko Ingengo y'Imari y' Akarere ka Ngoma yashyizwe mu bikorwa mu mwaka w' Ingengo y' Imari 2019-2020 mu buryo bukurikira :

- Amafaranga yari ateganyijwe mu ngengo y'imari yatowe muri Kamena 2019 angana n'amafaranga miliyari cumi n'umunani, miliyoni ijana na mirongo cyenda n' eshatu, ibihumbi magana inani mirongo itandatu na bibiri n'amafaranga magana abiri mirongo itatu n'abiri (18,193,862,232 frw).
- Amafaranga yasabwe angana na miliyari icumi n'ebyiri,miliyoni icumi na zirindwi, ibihumbi magana cyenda mirongo cyenda na bitatatu n'amafaranga magana arindwi makumyabiri n'arindwi (12,017,993,727 frw).
- Amafaranga yabonetse angana na miliyari icumi, miliyoni magana atanu makumyabiri n' umunani, ibihumbi magana ane makumyabiri na bibiri n'amafaranga magana atanu makumyabiri n'icyenda (10,528,422,529 frw).
- Amafaranga amaze gukoreshwa kugeza ubu angana na miliyari icumi, miliyoni magana abiri na cumi n'icyenda , ibihumbi magana atandatu n'umunani n'amafaranga magana cyenda mirongo ine n'icyenda(10,219,608,949 frw) , bihwanye na 56,5% .

Abari mu nama bamaze kugezwaho imikoreshereze y' Ingengo y' Imari y'akarere;

bagaragarijwe kandi ko hari imishinga imwe n'imwe yakuweho amafaranga yari ateganyijwe gukoreshwa cyane cyane imishinga ya DFID ; basanze ibyo bizagira ingaruka zatuma imishinga itarangira ; Imihigo ikadindira .

**Umwanzuro wa mbere:**

Abari mu nama bashimye imikoreshereze y' Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma , basaba ko amafaranga ataraboneka yakurikiranwa akaboneka kugira ngo nayo akoreshwe mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira.

Abari mu nama bagaragaje impungenge z'amafaranga yakuwe ku mishinga imwe n'imwe bikaba byatuma iyi mishinga itarangira , basaba abayobozi b'Akarere kubiganiraho n' inzego zibishinzwe kugira ngo haboneke ubundi buryo bwakoreshwa iyi mishinga ntidindire.

## INGINGO YA KABIRI: GUSESENGURA NO KWEMEZA INGENGO Y' IMARI Y'AKARERE IVUGURUYE Y'UMWAKA WA 2019-2020

**Umwanzuro wa kabiri:**

Umugenga w'Ingengo y'Imari y' akarere yagejeje ku bari mu nama Ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye y'umwaka 2019-2020; ingana na miliyari icumi n'umunani, miliyoni magana atatu mirongo itatu n'eshatu, ibihumbi magana inani mirongo inani n'umunani n'amafaranga magana atandatu mirongo itanu na rimwe(18,332,888,651 frw) .

Abari mu nama bamaze kugaragarizwa amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari ivuguruye y'umwaka 2019-2020 , bayitanzeho ibitekerezo barayemeza.

## INGINGO YA GATATU : GUSESENGURA NO KWEMEZA IBIPIMO BISHYA BY'IMISORO, AMAHORO N'IBIHANO BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2019-2020

**Umwanzuro wa gatatu:**

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibipimo bishya by'imisoro, amahoro n'ibihano biteganyijwe mu mwaka wa 2019-2020; barabisuzumye babikorera ubugororangingo hanyuma barabyemeza.

**INGINGO YA KANE : IVUGURWA RY'IGENAMIGAMBI RY'ITANGWA RY'AMASOKO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2019-2020.**

**Umwanzuro wa kane:**

Abari mu nama bagaragarijwe amasoko yateganyijwe mu Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko y'akarere mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 uko ari 59 . Bagaragarijwe ko hakuwemo amasoko 10 y' Imishinga y'Imirimo y'amaboko ( Public works) atarabonye Ingengo y'Imari. Bagaragarijwe kandi ko hari amasoko arindwi (7) yiyongereyeho nyuma.

Nyuma yo gusobanukirwa ibyo byiciro byose bigize Igenamigambi ry'Amasoko y'Akarere ka Ngoma , Abajyanama barayemeje.

**INGINGO YA GATANU: KWEMEZA AHAZATANGWA UBUTAKA BWA LETA BUZUBAKIRWAMO ABATISHOBOYE BADAFITE UBUTAKA MU MIRENGE YA MUGESERA , SAKE N'AHAZUBAKWA ISHURI RY'INCUKE MU MURENGE WA ZAZA**

**Umwanzuro wa gatanu:**

Nyuma yo gusuzuma inyandiko zisaba ubutaka bwa Leta bwo kubakiramo abatishoboye badafite ubutaka no gusuzuma raporo z'abagize komisiyo n'abatekinisiye b'Akarere basuye ubwo butaka; nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira; abagize Inama Njyanama bemeje ko ubwo butaka bwakoreshwa ibyo bwasabiwe.

| UMURENGE | AHO UBUTAKA BUHEREREYE | UMUBARE W'AMAZU AZUBAKWA | ICYO BUZAKORESHWA. |
|---|---|---|---|
| **Mugesera** | -Akagari k'Akabungo<br>-Umudugudu w'Agakindo | Amazu 13 | Kubakira abatishoboye batagira ubutaka. |
| **Sake** | -Akagari ka Nkanga<br>-Umudugudu wa Kanazi | Amazu 11 | Kubakira abatishoboye batagira ubutaka. |
| | -Akagari ka Kibonde<br>-Umudugudu w'Umucyo | Amazu 3 | Kubakira abatishoboye batagira ubutaka. |
| **Zaza** | -Akagari ka Ruhembe<br>-Umudugudu wa Mpembwe | Ishuri 1 | Kubaka ishuri ry'incuke |

## INGINGO YA GATANDATU: IBIBAZO BY'ABATURAGE BYAGEJEJWE KU NAMA NJYANAMA

| INGINGO | IMITERERE Y'IKIBAZO | UMWANZURO |
|---|---|---|
| 1. Ikibazo cya NTAKARUTIMANA Jean Bosco wo mu murenge wa Sake; akagari ka Rukoma ; umudugudu wa Nyagasozi | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Sake, yandikiye Inama Njyanama , ayisaba ingurane y'ubutaka bwa NTAKIRUTIMANA J Bosco wemeye gutanga ubutaka bwo kubakwamo ibiro by'umudugudu wa Nyagasozi ; akagari ka Rukoma | Nyuma yo gusuzuma ibisabwa byose kugira ngo ubutaka bwa leta butangwe, abagize Inama Njyanama bemeje ko NTAKARUTIMANA Jean Bosco ahabwa ingurane y'ubutaka bwe yatanze buzubakwamo ibiro by'Umudugudu wa Nyagasozi. Ubutaka ahawemo ingurane bubarizwa mu Kagari ka Gafunzo, Umudugudu wa Mabuga I . |
| 2. **Ibaruwa ya RUGERO Charles**, utuye mu karere ka Kirehe, umurenge wa Gatore, akagali ka Gahama, yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa | RUGERO Charles yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko akarere ka Ngoma kamwirukanye ku kazi yakoraga ku rwego rwa DASSO. Rugero Charles yatangiye ikiruhuko cy'umwaka kimara iminsi 18 y'akazi kuwa 12/12/18 kugeza 4/1/2019 ; agaruka ku itariki 7/1/19 kuko tariki 5 na 6 yari iminsi y'ikiruhuko.<br>- Rugero Charles yahaniwe ikosa ryo guta akazi mu gihe cy'iminsi 10; akurikijwe igihe yagombaga kugarukira mu kazi . Ubugenzuzi bwakozwe bwagaragaje ko iminsi yatayemo akazi ari iminsi 8 ; rihanishwa igihano cyo kubuzwa ubwisanzure cyangwa gukatwa ¼ cy'umushahara we; nk'uko bigaragara mu mabwiriza ya Minisitiri N.01/07.01/2015 YO KUWA 29/05/2015, agenga imyitwarire n'umyifatire y'abagize urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano cyane cyane | Hashingiwe ko Rugero Charles yahawe ikiruhuko cy'iminsi 18 cyemewe n'amategeko hatabariwemo iminsi y'ikiruhuki ( week end) kuba mu nyandiko ye y'ikiruhuko ntacyavuzwe ku minsi ya week end nk'iminsi y'akazi,kuba itegeko ry'umulimo rigena ko umukozi yemerewe umunsi umwe n'igice mu mu kwezi w'ikiruhuko bivuga ko iyo ukubye n'amezi 12 , umukozi yemerewe iminsi 18 ibarwa ku minsi y'akazi.<br><br>Hashingiwe ku nama z' umuyobozi w'ishami ry'abakozi ku Karere, iz'abayamategeko , abari mu nama bemeje ko Rugero Charles yahanishwa igihano cyo gukatwa ¼ cy'umushahara we w'ukwezi ugashyirwa mu isanduku ya leta nk'uko amategeko abiteganya.<br><br>Abari mu nama bemeje ko Rugero Charles yasubizwa mu kazi n'urwego rubifitye ububasha uyu mwanzuro ukimara kwemezwa. |

| | | |
|---|---|---|
| | mu ngingo yayo ya 17, igika cya 2 : igaragaza ugize DASSO muto wataye akazi kuva ku minsi 7-10 akatwa ¼ cy'umushahara ; agashyirwa mu isanduku ya Leta . Mu ngingo ya 16 , igika cya c. igaragaza amakosa ahanishwa kubuzwa ubwisanzure kuwataye akazi nta burenganzira afite mu gihe cy'iminsi 8-10. | |
| 3. **Gutoranya abazatuzwa muri IDP model ya JARAMA** | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Jarama yandikiye umuyobozi w'Akarere asaba kwemeza abazubakirwa muri IDP model ya Jarama.<br>Abagize komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage basuye imiryango 12 yasabiwe gutuzwa muri IDP model ya Jarama bafatanyije n'inzego z'Umurenge n' iz'umutekano; bashingiye ku bigenderwaho hatoranywa imiryango 8 izatuzwa muri IDP model. | Hashingiwe kuri raporo y'abajyanana bagize komisiyo y'imibereho myiza y'abaturage basuye imiryango 12 yasabiwe n'Umurenge wa Jarama gutuzwa muri IDP model ; hashingiwe ku ngingo ngenderwaho mu gutoranya abatuzwa muri IDP , abagize inama Njyanama bemeje urutonde rw'imiryango 8 yatoranyijwe ikazatuzwa muri IDP Model village ya Jarama. |

Inama Njyanama yashoje isa munani (14h00) ,umuyobozi w'inama ashimira abayitabiriye.

Bikorewe Ngoma kuwa 04/03/2020

**UMWANDITSI W'INAMA**

**MUKANKURANGA Beatrice**

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**y'Akarere ka Ngoma**

**UMUYOBOZI W'INAMA**

**KANOBANA Mathusalem.**

**Vice Perezida w'inama Njyanama**

**y'Akarere ka Ngoma.**

## ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA NJYANAMA IDASANZWE YO KUWA 04/3/2020

| S/N | AMAZINA YOMBI | IGITSINA | UMURENGE | TELEPHONE | E-MAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 01 | MUKANKURANGA Béatrice | F | Kibungo | 0788457849 | mukankurangabea@gmail.com | [signature] |
| 02 | GASANA Jean de Dieu | M | MURAMA | 0788524525 | jeandegasana@gmail.com | [signature] |
| 03 | HAKIZIMANA Augustin | M | KIBUNGO | 0788604376 | hakizaustin@gmail.com | [signature] |
| 04 | KABANYANA Candide | F | Rukumberi | 0783338779 | kabanyanacandide@gmail.com | [signature] |
| 05 | KIRENJI Martin | M | KAZO | 0788849461 | kimetini@yahoo.fr | [signature] |
| 06 | MUGIRANEZA Thierry | M | Rurenge | 0788430785 | tmugiraneza@yahoo.fr | [signature] |
| 07 | MUKANDANGA Marie | F | JARAMA | 0788341022 | ndanga marie2@gmail.com | [signature] |
| 08 | MUKANKUNZI Pélagie | F | MUGESERA | 0788605220 | nkunzipegi@gmail.com | [signature] |
| 09 | Muligo Ladislas | M | Karembo | 0788665751 | ladismuligo@yahoo.fr | [signature] |
| 10 | Sandra MUSABWAGENI | F | Zaza | 0788541285 | musandrace@gmail.com | [signature] |
| 11 | MUKARUTESI Chantal | F | KIBUNGO | 0788467995 | chantalrutesi@gmail.com | [signature] |
| 12 | Dr NADANYA William | M | Rukumberi | 0788690461 | willygasana@gmail.com | [signature] |
| 13 | SINAYOBYE Innocent | M | Murama | 0783907676 | sinayobyei@gmail.com | [signature] |
| 14 | RUKUNDO Gilain | M | Gashanda | 0788514139 | gilainic@yahoo.com | [signature] |
| 15 | MUGISHA Narcisse | M | REMERA | 0783716454 | mugishan2000@yahoo.com | [signature] |

## ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA NJYANAMA IDASANZWE YO KUWA 04/3/2020

| S/N | AMAZINA YOMBI | IGITSINA | UMURENGE | TELEPHONE | E-MAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 01 | KAMANZI John | M | MUTENDELI | 0788643586 | kamanzijohn[illegible]@gmail.com | |
| 02 | MBARANGA Eudence Gervais | M | MURAMA | 0788871752 | eudencembaranga@gmail.com | |
| 03 | ISINGIZWE Aline | F | Rurenge | 0788387829 | isingizwealine@gmail.com | |
| 04 | UWIMANA Florence | F | Kazo | 0783967085 | uwimana.florence2020@gmail.com | |
| 05 | UMUTESI Marie Providence | F | SAKE | 0788630377 | [illegible]prov80@gmail.com | |
| 06 | UWINGABIRE Fausca | F | GASHANDA | 0788539669 | uwifausca@yahoo.fr | |
| 07 | Aphrodise Nsengiyumva | M | Kibungo | 0786859415 | aphrodise.nsengiyumva@[illegible].gov.rw | |
| 08 | Prof KANYAMANZA H | M | SAKE | 0786411324 | [illegible]@yahoo.fr | |
| 09 | | | | | | |
| 10 | | | | | | |
| 11 | | | | | | |
| 12 | | | | | | |
| 13 | | | | | | |
| 14 | | | | | | |